Nshuti Mubyeyi cyangwa Umurinzi:

(School name) rizitabira Isuzumabumenyi ku Rwego rw'Igihugu Rigamije Kugenzura Intambwe y'Umunyeshuri (NAEP) ku itariki ya (date). NAEP ni isuzuma ryagutse rihagarariye ayandi ku rwego rw'igihugu rigaragaza ibyo abanyeshuri bamaze kumenya n'icyo bashobora gukora mu masomo anyuranye. NAEP itangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare ry'Uburezi, muri Minisiteri ishinzwe Uburezi muri Amerika. NAEP itandukanye n'amasuzumabumenyi yacu dutanga ku rwego rwa Leta kuko ni igipimo gihuriweho cy'ibyo abanyeshuri bagezeho ku rwego rw'igihugu. Ibisubizo byashyizwe ahagaragara nk'Indagamanota ya Raporo y'Igihugu, iha abalimu, ababyeyi/abarezi, abafata ibyemezo, na rubanda amakuru ajyanye n'ibyo abanyeshuri bagezeho.

Umwana wawe ashobora gukora isuzuma ry'imibare, gusoma, cyangwa irya siyanse. Uretse ibibazo bijyanye n'isomo, abanyeshuri basubiza ku bushake ibibazo by'ubushakashatsi birebana na NAEP. Ibi bibazo bitanga amakuru y'ingirakamaro ku bijyanye n'ubumenyi bw'abanyeshuri bitabiriye n'amahirwe yo kwigira mu ishuri no hanze yaryo. Amakuru yandi yerekeranye n'ibibazo by'ubushakashatsi kuri NAEP uyasanga kuri https://nces.ed.gov/nationsreportcard/parents under the section "Ni ibihe bibazo Biri mu Isuzumabumenyi?"

Isuzuma rifata iminota 120 ku banyeshuri benshi, rikubiyemo igihe cy'inzibacyuho, icyerekezo, no kurangiza ibibazo by'ubushakashatsi.

**Amakuru akusanyijwe akoreshwa gusa ku mpamvu z'ibarurishamibare.**

- Amanota y'umwana wawe ntabwo azagerwaho n'ingaruka.
- Abanyeshuri bashobora kwemererwa kutitabira iri suzumakubera impamvu iyo ariyo yose, ntibasabwa gukora iryo suzumabumenyi, kandi bashobora gusimbuka ikibazo icyo ari cyo cyose.
- Kubera ko gukora iryo suzumabumenyi ari ku bushake, NAEP igendera ku bwitabire bw'abanyeshuri kugira ngo ifashe abashyiraho politiki kunoza uburezi. Ariko, niba udashaka ko umwana wawe abigiramo uruhare, bimenyeshe mu nyandiko utarengeje (date) .

Ntibikenewe ko wiga witegura NAEP, ariko nyamuneka ushishikarize umwana wawe gukora ibishoboka byose. Menyesha (name) kuri (telephone number) cyangwa kuri (email address) cyangwa Dr. Regina Lewis, kuri regina.lewis@maine.gov ku Ishami ry'uburezi rya Maine, niba ufite ikibazo.

Dushimishijwe cyane ko ishuri ryacu riri kwitabira NAEP. Tuzi ko abanyeshuri bo ku ishuri rya (school name)bazerekana icyo abanyeshuri b'igihugu cyacu bazi kandi bashobora gukora.

Murakoze,
(School Principal's Name)

*Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare ry'Uburezi (NCES) gikora Isuzuma ry'Igihugu ry'Iterambere ry'Iburezi kugira ngo risuzume gahunda z'uburezi zishyigikiwe na leta. Amakuru yose utanga ashobora gukoreshwa gusa mu bikorwa by'ibarurishamibare kandi ntashobora gutangazwa, cyangwa gukoreshwa, mu buryo buyagaragaza ku yindi mpamvu iyo ari yo yose usibye nk'uko amategeko abiteganya (20 USC §9573 na 6 USC §151). Hakurikijwe n'amategeko, buri mukozi wese wa NCES, nkaba rwiyemezamirimo n'abahuzabikorwa ba NAEP, yararahiye kandi ashobora gufungwa imyaka 5, gucibwa ihazabu y'amadolari 250.000, cyangwa byombi aramutse atangaje amakuru ARI YO YOSE akugaragaza. Gutanga amakuru yawe mu buryo Elegitoronike bizakurikiranwa harebwa ko nta virusi zirimo, porogaramu zangiza, hamwe n'iterabwoba ryakozwe n'abakozi b'Igihugu naba rwiyemezamirimo hakurikijwe itegeko ryo kuzamura umutekano w'Ikoranabuhanga ryo mu 2015.*